Jya utera isi umugongo, Imana izagukunda, unatere umugongo ibitunzwe n'abantu, abantu bazagukunda

Hadith yaturutse kwa Abul Abas, Sahli Ibun Sa'ad A-Sa'adiy (Imana imwishimire) yaravuze ati: Umuntu umwe yaje ku Ntumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) aravuga ati: Yewe Ntumwa y'Imana! Nyereka igikorwa kimwe nakora, Imana ikankunda n'abantu bakankunda! Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: "Jya utera isi umugongo, Imana izagukunda, unatere umugongo ibitunzwe n'abantu, abantu bazagukunda."

[قال النووي: حديث حسن] [رواه ابن ماجه وغيره بأسانيد حسنة]

Umugabo umwe yabajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ngo imwereke igikorwa yakora Allah akamukunda ndetse n'abantu bakamukunda, nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iramusubiza iti: Allah azagukunda igihe cyose uzareka kurangarira iby'isi, n'ibitagufitiye umumaro ku munsi w'imperuka, ndetse ukanareka ibyakugiraho ingaruka mu kwemera kwawe; n'abandi bazagukunda igihe cyose utazita ku byabo batunze kubera ko muri kamere yabo barabikunda, n'ushatse kwivanga mu byabo birabarakaza; bityo ubibarekeye baramukunda.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/4307